REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°13/2019: **Gicurasi igice cya1: 01–10 Gicurasi 2019**

Ryoherejwe kuwa 12 Gicurasi 2019

Ingingo z'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse kuva taliki 01-10_Gicurasi_2019; cyagaragaje imvura yapimwe ari nyinshi ku bupimiro bwa Busogo mu Majyaruguru, Rusizi na Bugarama mu Ntara y'Iburengerazuba, ku bupimiro bwa Gitega mu Mujyi wa Kigali no ku bupimiro bwa Nyagatare na Kawangire mu Ntara y'Iburasirazuba ; naho ku bupimiro bwa Nyamagabe mu Ntara y'Amajyepfo, Ubupimiro bwa Rubavu na Rubengera mu Ntara y'Iburengerazuba ndetse no ku bupimiro bwa Ngoma mu Ntara y'Iburasirazuba hagaragaye imvura nke ugereranyije n'ahandi mu gihugu. Amashusho y'icyogajuru akomeza kwerekana ubutaka buhehereye kubera ibihe by'imvura twagize muri iyi minsi
- **11-20_Gicurasi_2019;** hateganyijwe imvura izaboneka hose mu gihugu aho mu Burengerazuba ndetse no mu Majyaruguru ariho hateganyijwe imvura nyinshi mu gihugu

I. Iriburiro

Igiteranyo cy'imvura yaguye mu gice cya mbere (01-10) Gicurasi_2019; cyagaragaje imvura yapimwe ari nyinshi ku bupimiro bwa Busogo mu Majyaruguru, Rusizi na Bugarama mu Ntara y'Iburengerazuba, ku bupimiro bwa Gitega mu Mujyi wa Kigali no ku bupimiro bwa Nyagatare na Kawangire mu Ntara y'Iburasirazuba ; naho ku bupimiro bwa Nyamagabe mu Ntara y'Amajyepfo, Ubupimiro bwa Rubavu na Rubengera mu Ntara y'Iburengerazuba ndetse no ku bupimiro bwa Ngoma mu Ntara y'Iburasirazuba hagaragaye imvura nke ugereranyije n'ahandi mu gihugu

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye mu 01-10_Gicurasi_2019 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	01-10_Gicurasi_2019	01-10_Gicurasi
Kigali	36.8	43.2
Rusizi	52.7	43.7
Rubavu	34.2	40.7
Nyamagabe	23.9	61.3
Ngoma	29.9	55.2
Gicumbi	49.1	56.3
Busogo	117.9	41.0
Bugarama	67.0	39.4
Musanze	53.5	66.1
Gitega	52.3	23.2
Rubengera	40.0	60.6
Byimana	61.1	64.6
Kawangire	32.5	28.8
Nyagatare	40.6	32.4

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye 01-10_Gicurasi_2019 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi

Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye 21-30_Mata_2019 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 01-10_Gicurasi_2019



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 01-10_Gicurasi



Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 21-30_Mata_2019



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 21-30_Mata



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu Mataliki ya 01-10_Gicurasi_2019 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yaguye mu gice cya mbere (01-10) cya Gicurasi_2019; cyagaragaje imvura yapimwe ari nyinshi ku bupimiro bwo mu Majyaruguru; naho ku bupimiro bwo mu Ntara y'Amajyepfo ndetse no mu majyepfo y'Uburasirazuba hagaragara imvura nke ugereranyije n'ahandi mu gihugu ndetse n'imvura isanzwe imenyerewe kuri buri bupimiro muri iyo minsi (aho ku bupimiro bwa Busogo mu Majyaruguru ariho habonetse imvura nyinshi ingana na mm117.9; reba **Ikarita1&2** ndetse n'**Imbonerahamwe1**); naho igiteranyo cy'imvura yabonetse mu mataliki ya 21-30_Mata_2019 cyagaragaje imvura yabaye nke mu Burasirazuba naho ahandi mu gihugu hakaboneka imvura nyinshi (reba **Ikarita3&4**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ubuhehere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Mata.2019 igice cya gatatu

Ikarita5: Gicurasi.2019 igice cya mbere

Kuva taliki ya 21_Mata kugeza 10_Gicurasi_2019; amashusho y'icyogajuru akomeza kwerekana ubutaka buhehereye kubera ibihe by'imvura twagize hose mu gihugu muri iyi minsi 20 ishize (reba **Ikarita 5&6**)

b) Iteganyagihe ry'igice cya kabiri Gicurasi_2019

Mu gice cya kabiri cya Gicurasi_2019; hateganyijwe imvura izaboneka hose mu gihugu aho mu Burengerazuba ndetse no mu Majyaruguru ariho hateganyijwe imvura nyinshi mu gihugu:

- **Umujyi wa Kigali:** hateganijwe kuboneka imvura iri ku kigero cya mm40 kugeza kuri mm80 mu byumweru bibiri
- **Intara y'Uburasirazuba:** hateganijwe kuboneka imvura iri ku kigero cya mm40 kugeza kuri mm80 mu byumweru bibiri
- **Intara y'Amajyepfo:** hateganijwe kuboneka imvura iri ku kigero cya mm30 kugeza kuri mm100 mu byumweru bibiri
- **Intara y'Uburengerazuba:** hateganijwe kuboneka imvura iri ku kigero cya mm50 kugeza kuri mm125 mu byumweru bibiri
- **Intara y'Amajyaruguru** hateganijwe kuboneka imvura iri ku kigero cya mm30 kugeza kuri mm125 mu byumweru bibiri

Ingano y'imvura (muri mm) iteganyijwe mu minsi ije:



Ikarita7: Gicurasi.2019 kuva taliki 11 kugeza taliki 17

Ikarita8: Gisurasi.2019 kuva taliki 18 kugeza taliki 24

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe ku risohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)